REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES

MINISTERE DE L'AGRICULTURE ET DES RESSOURCES ANIMALES

IBIRO BYA MINISITIRI

AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'UBUHINZI N'UBWOROZI N° 003/2007 AREBANA N'UBWOROZI BW'IBIGURUKA MU RWANDA

Mu rwego rwo gufasha aborora ibiguruka, by'umwihariko aborozi b'inkoko bifuza gusubukura imirimo yabo batumiza mu mahanga icyororo cy'inkoko ndetse no mu rwego rwo korohereza abacuruza ibiguruka n'ibibikomokaho bitumizwa mu mahanga, ibyo byose bikaba byari byarahagaritswe muri Kamena 2005 kubera indwara y'ibicurane by'ibiguruka yagaragaye ku migabane ya Aziya, Uburayi na Afurika ;

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi,

Ashingiye ku bushobozi bumaze kubakwa mu nzego z'imirimo y'ubuvuzi bw'amatungo n'abantu haba mu bikoresho cyangwa mu bumenyi mu rwego rwo gukumira no guhangana n'indwara y'ibicurane by'ibiguruka igihe cyose yaba ibonetse mu Rwanda ;

Ashingiye na none ku mabwiriza y'Umuryango Mpuzamahanga OIE atanga umurongo ngenderwaho mu gutumiza icyororo cy'ibiguruka n'ibibikomokaho mu bihe by'indwara y'ibicurane by'ibiguruka ;

Ashingiye ku igabanuka ry'inkoko zikuze ku isoko mu Gihugu ;

Ashingiye ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri yo kuri 13 Ukuboza 2006 kirebana no gutumiza icyororo cy'inkoko mu mahanga ;

Ashingiye ku bubasha ahabwa n'amategeko,

Yemeje ibi bikurikira :

1. Gutumiza ibiguruka n'ibibikomokaho bizanwa mu Rwanda biturutse mu mahanga biremewe mu gihe ibiguruka biturutse mu bihugu bitigeze birwaza indwara y'ibicurane by'ibiguruka kandi bikaba bitagaragaramo inyoni zimuka ziturutse mu bihugu birwaje cyangwa byarwaje iyi ndwara y'ibicurane by'ibiguruka.

2. Abashaka gutumiza mu mahanga ibiguruka n'ibibikomokaho babisabira inama n'uruhushya rwihariye mu Kigo Gishinzwe Guteza imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo "RARDA" gikorera mu Rubirizi, P.O. Box.624 Kigali,Telefoni 55106073 na 514142

3. Mu rwego rwo gukumira icyorezo cy'ibicurane by'ibiguruka, icyororo cy'inkoko cyangwa ibikomoka ku biguruka bitumijwe mu mahanga bikurikiranwa aho byinjirira, aho byororerwa n'aho bicururizwa. Iryo genzura rikorwa n'Ikigo Gishinzwe Guteza imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo "RARDA" gifatanije n'izindi nzego zifite ubugenzuzi mu Gihugu mu nshingano zazo.

4. Aya mabwiriza atangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi yashyiriweho umukono.

Bikorewe i Kigali, ku wa 23 FEB 2007

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi

Anastase MUREKEZI